

MUZIGABANGA J, Claude

A b
g p

UMUYUGO

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA IKINYARWANDA MUBIGO BY'AMASHURI
YISUMBUYE MU RWANDA.

INGINGO YIBANZWEHO : ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE
BABANE NEZA.

BYANDITSWE NA : MUZIGABANGA J.Claude
URWUNGE RW'AMASHURI RW'I KABARE
AGASANDUKU K'IPOSITA 32 KIBUNGO.

ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

Mbese mu mateka y'u Rwanda, hari ibigaragaza ko abanyarwanda baba bariyeze kugirana amahoro n'ubusabane bisesuye ?

Niba se ayo mahoro yarabayeho, kuki uko iminsi igenda yigira imbere nayo arushaho guhungabana ?

Nk'uko amateka abigaragaza, abanyarwanda kera babanaga neza. Barangwaga no gufashanya, gutabarana, kugirana inama ndetse no kwitangira igihugu cyabo kugirango kidaseba. Iyo hari uwahemukiraga undi, yashyirwaga mu bavandikwe agahanwa, kandi ibihano bamuhaye akabyinera, akenera no kwisubiraho.

Uwabaga yakoreye undi ikosa, iri twe ab'iki gihe twita ko ridakomeye, nko kwimana amazi, umuriro, yaregerwaga abaturanyi, akenera ikosa n'ibihano bamuhaye kandi akiyemeza kutazabisubira.

Bahuriraga ku mirimo myinshi; twavugaga nko guhanga ubudehe, ubwo bibumbiraga hamwe bagahingira umuturanyi, maze barangiza bagasangirira hamwe agafunguro abahaye.

Bafatanyirizaga hamwe kandi mukwita ku matungo yabo, nk'igihe cyo kuhira inka ku mbuga, n'invugo zabarangaga muri icyo mirimo ugusanga baziburiyeho.

Uwabaga agize ibyago, agaterwa cyangwa agahisha inzu, icyo yavuzaga induru wasangaga kumisozi yose bamwikiriza mu mvugo imwe bati "Komera, komera, natwe turi maso". Bakamuhurura bidatinze.

Ahandi hagaragariraga ubusabane, ni igihe cy'ibitarano, Barivugaga, bagahiga, abenshi bakahahanira inka n'ubageni, ndetse kuburyo bagezaga n'aho kwiyemeza kunywa.

Mundirimbo baririmbaga, bagaragaza ko bishiniye uwami wabo ndetse n'abatware babo : "Turabarusha uwami, uwami wacu ntakimukanga..." Kuba na nubu hari abakirahira abatware babahatse neza, bigaragaza ko bari bishiniye amatwara y'ubutegetsu.

Nyamara, abazungu bageze mu Rwanda, ibyo byose byarahindutse. Bagerageje kugabanya urukundo rubanda bakundaga uwami n'abatware babo, kugirango babone uko bigarurira ibitekerezo byabo. Abitabiriye ayo matwara y'abazungu ku ikubitiro, ari nabo bitwaga ko bajijutse, inyota y'ubutegetsu n'icy'ibyubahiro yarabuzuye, batangira kumva ko bacikanwe. Abenshi bamaze kwigishwa ko hari ubwoko busumba ubundi mu gihugu, buri wese yarwaniye kugirango ubwoko bwabo abe eribwo bushyirwa hejuru. Erega ubwo inkundura y'amoko iba iravutse ! Aho ubutegetsu bwa Repuburika bugereye muri icyo gihugu, byose byahindutse bishya.

Koko,ngo imihini mishya itera amabavu !

Ibyo abanyarwanda batari bamenyereye,babyakiriye uko bidakwiye kwakirwa,maze abategetsu bo mu nzego zo hejuru bakeka ko umutungo w'igihugu ari uwabo n'abo bishakiye.

Bagerageje gushyira hejuru uturere bavukamo,ibikorwa byabo bikarangwa n'ironakoko ndetse no gufata rubanda rugufi nk'aho ntacyo ruvuze.

Iyo mico nibi rubanda rugufi bayakiranye ubujiji,maze bakeka ko ari ihame ngo umutegetsu ahore aryamira abo ashinzwe kuyobora.

Ubwu nabo bitabiriye amacakubiri,kuko babonaga abo bakeka ko bajijutsu bayashyize imbere.

Ibyo byose byo gatsindwa,bigeza aho bitubyarira itsembabwoko n'itsem-batsamba.

Ngo akari bugende ntawe ugatangira ! Itsembabwoko n'itsem-batsamba ryo muri nata 1994,ryahitanye abanyarwanda benshi.

Niki se abanyarwanda bakora ngo bazibe icyuho cyabacitsemo ?

URUHARE RW'UBUCAMANZA.

Kuba akarengane karakunze kugaragara muri iki gihugu,birakomeye kugirango ubucamanza bwongere kugirirwa ikizere. Niyo mpavu abenshi bafite impungenge ku icarubanza n'ifatwa ry'ibihano kubakozwe cyangwa abakekwaho kuba barakozwe itsembabwoko n'itsem-batsamba.

Abiciwe baragira bati" Mbese none umuco wo kudahana waranze ubutegetsu bwabanjirije uburiho wazihembera,maze abagiraniye ntibahanwe uko bikwiye"? Babona umuntu afunguwe kuko yagaragaweho no kuba urwere bati" Iryo twavuze riratahye" ! Ukatiwe gufungwa igihe gito bitewe n'icyaha yakoze cyangwa uburyo yorohereje ubucamanza

bati" Ntibikwiye ko umwicanyi yakoroherezwa,ahubwo yagombye gupfa". Abafunze cyangwa abafite ababo mu buroko,bafite impungenge kubihano bitangwa ngo byaba ari rukurankota.

Bakeka ko ababo bazapfa rwose ntakabuza. Ntibagereranya ibihano n'ibyaha byakozwe,ahubwo biyuvisha ko umuntu ukatiwe urwo gupfa aba agiriye nk'ibyo yakoze. Bati" Eero,urunukatiye nawe ntacyo aba arurushije". None se aho igihe ntikizagera abacamanza bagahindurwa abicanyi?

Burya ngo ntawe uneza rubanda ! ko se bamwe bavuga ko uduhano dufatwa dukabije kuba duta,abandi bakavuga ko ibihano bifatwa ari injyanamuntu,aho ubucamanza bubyishinze ntibwahera mu gihirahiro ?

Njye ariko uko mbibona, ubucamanza bukwiye kw'era abaturage, bukabasobanurira biharije ukuri bukoresha amafat. ibihano, kugirango ejo hatazarira uwibwira ko ahariye kandi abiteho no kutamenya.

Ikindi abantu benshi bananga ubucamanza ni uko imanza zitibutaga, ngo baruharwa bafatirwe ibihano bibakwiye, bahanwe maze bazinure umunyarwanda kuzongera kwica uwo bava inda inwe. Kandi ngo inzirakarengane nazo zikaba zikomeza gushonyokera mu magereza, zitarenganurwa vuba, bigatuma abazizi ho kuba zirengana bakomeza kwibaza aho ukuri ubucamanza bubemeza gushingiye.

Njye uko mbibona, ibyarushaho kuba byiza, ni uko habanza abakekwaho kuba baruharwa ndetse n'abakekwaho kuba inzirakarengane. Uruntu yakwibaza ati " Mbese ko baruharwa tubona kenshi hari abaza kubashinja, inzirakarengane zo zizamenyekana zite igihe cyazo cyo kuburana kitaragera " ?

Amaperereza nakorwe uherye mu buyobozi bwa Serire, maze uwo abenshi bahurizaho ko arengana kandi ntihumvikane amajwi menshi amuhanya gukora ishyano yihutishirizwe urubanza, baruharwa bo umenya kubamenya bidakomeye, kuko usanga bavugirizwa induru hose.

Ni kuko ubucamanza ntibwabasha guca imanza zose ngo zirangirire icyarimwe, ariko nibugaragaze ko bufite inyota yo kuzuza intego yabwo y'uko umuco wo kudahana wacika burundu, kandi ko nta umunyarwanda ukwiye kurengana, kuko uko barenganye mbere birenze imivugirwe. Ibyo bizaza inzika mu baturage, igihe bazaba bamaze kubona ko buri wese mu bafite icyo baregwa ku itsembabwoko n'itsembatsamba azaba amaze gukanirwa urumukwiye.

II. URUHARE RW'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU SE RWABA URUHA ?

Ubutegetsi bw'igihugu, nabagereranya n'igiti cy'inganzanarumbu . Perezida wa Repuburika n'abafasha be (ba Minisitiri) ni nk'izizi y'icyo giti, naho ubutegetsi bukurikiraho bukamera nk'amashami. Abayobozi bo munzego za Serire arinabo bakunda kwegera abaturage, nabagereranya n'udushami tweraho imbuto.

None se, ari kumizi, ari no ku mashami, ahagaragariza ubwiza bw'igiti ni ahahe ?

Yego ngo ujya kurandura igiti agihera mu mizi, ariko akamara k'izizi nako ntikagaragara hatabayeho amashami neza kuko ariyo agaragaraho imbuto.

Icyo nshaka kuvuga, ni uko isura ubutegetsi bw'igihugu bufite, yaba nziza cyangwa mbi, igaragarira mu nzego zo hasi, itagaragarira mu zo hojuru ahubwo ni ku bayobozi baza Serire ndetse no kuri ba Nyumba-kuri.

Ikibabaje rero ni uko muri iki gihugu, banwe muri abo bayobozi bo mu nzego zo hasi, usanga batumva neza imigambi ubutegetsu bw'igihugu bufite, y'ubwiyunge n'ubusabane ku banyarwanda bese. Banwe ubashyamba n'abaturage mu buhari, watega amatwi ibiganiro byabo, ugasanga ntaho bitandukaniye n'iby'abataracengerwa n'iriya ntego y'ubwiyunge.

None se niba unuserire cyangwa nyumbakumi asangira n'uwo bahuje ubwoko gusa, uwo batabuhoje azamwizera ryari? Ubona atishyikira ku bayobozi umwegereye, agera noneho kuri Burugumesitiri agahinda umushyitsi, gutunguka imbere ya Perefe byo bikaba ibindi. Sinzi rero uko abaturag bakwiyunga kandi banwe mu bayobozi badafashe iyambere, ngo ingero nziz zabo zitere abo bayobora gushyira mu bikorwa umugambi mwiza w'ubwiyunge.

Dore icyo mbona gikwiye gukorwa; hakwiye kubaho ingando zabo bayobozi bo mu nzego zo hasi, maze bagahugurwa ku imigambi ubutegetsu bw'igihugu bufite. Ubwo rero, ibitekerezo byabo nibimara kugira isura nziza, bizahindura n'ibitekerezo by'abaturage, kuko abo bayobozi babasha kubegera kenshi, bagashyikirana nabo, basangira kandi ntibagire icyo babakinga.

Ubutegetsu bukwiye gushyiraho iminsi y'amateraniro, nibura nka rimwe mu kwezi cyangwa ikindi gihe gishoboka, maze abaturage ba Segiteri cyangwa aba Serire bakajya bagira aho bahurira bakaganira, bagakina kandi bakungurana ibitekerezo, kuko usanga iyo umuntu aheze mu bwigunge aribwo ahamana imigambi mibi imurimo cyangwa igitekerezo kiza afite ntabwo uko agishyikiriza abandi, ahubwo akakigumana. Kudashtyikirana n'abandi, bituma abantu batizerana. Naho iyo bahuye kenshi, n'icyo bafite icyo bapfa kibatera isoni, maze bagasabana imbaba

Ikindi kintu gikunze kugaragara, ni uko intanbara tuvuyemo yasigiye abanyarwanda uburwayi bw'ihahamuka. Yego abantu bese ntibayirwaye k'urugero rumwe, hari abo imara kurenga bagasa n'abafashwe n'ibisazi, ariko hari n'abayigendana, maze wakumva ibitekerezo byabo ukaba wakeka ko ari ubugome bavukanye, kandi ari uburwayi bukumoka kubyo babonye.

Ubutegetsu rero bukwiye guteganya amahugurwa menshi kubyerekeye ihahamuka, kandi impuguke muri urwo rwego zikagerageza kwegera abaturage. Abantu bese nibamara gusobanukirwa n'ibiyiyo ndwara n'ingaruka zayo, bazajya babasha kwihanganirana igihe hagize ukora icyashobora gukomeretsa umutima w'undi, niba nyiri ukugirirwa nabi abonye ko byose biterwa n'uburwayi. Abo kandi iyo ndwara itabashije gushegesha, bazajya bamenya uko bitwara imbere y'abo yarembeje.

Ikibazo rero cy'icyo ndwara ntawe ukwiye kukirengagiza, kuko ineze nk'iyabaye rusange ku banyarwanda, kandi ibimenyetso byayo bikaba bibonwa gusa n'uyisobanukiwe.

Hari ikindi kintu gica abantu benshi intege muri iki gihe. Usanga amarorerwa yabaye igihe cy'itsembabwoko n'itsenbatsamba, atuma ibyiza byabaye bitagaragara.

Abenshi bemeza ko muri kiriya gihe, abantu hose hari buri mu Rwanda nta n'uwo wari ugifite impubwe, abese ngo hose hari byabaye inyamaswa. Byaba bibabaje rero, kufashe abantu bagize neza, nko guhisha abantu, kubageburira, kurwana ku rhorere n'ibindi, nabo tukababarira mu bagizi ba nabi. Ibyo byatuma abo bagiraneza bacika intege, maze inyota yo gukora neza ikabakanukamo.

Ubutegetsu rero bukwiye kugira icyo bwakora, kigaragaza ko ubwitange bwabo, ari ishema ry'u Rwanda.

Ibyo byarakozwe, ariko ntibyakuze kugaragara cyane, kuburyo na n'ubu abenshi bakibaza niba icyo gikorwa cyarabayeho.

Icyo mbona rero cyakorwa, hagombye gukorwa ikintu kigaragara, ntikitwe igihembo cyangwa ishimwe, ahubwo kikaba nk'ikimenyetso. Ubutegetsu bugategura nk'utudari, twakwambikwa abagize neza by' intangarugero. Hagakorwa amaperereza mu nzego za Serire, bigashyikirizwa abayobozi ba za Segiteri, nabo bakabishyikiriza abayobozi ba makomine yabo.

Mu babonetse, abayobozi ba komine bagahitamo abakwiye gukorerwaho icyo kimenyetso cyo kwambikwa utudari.

Iminsi yo gukora icyo kimenyetso rero, abaturage bakajya bahurira hamwe, ntibashengurwe n'ibibi byabaye gusa, ahubwo bigatuma bishimira n'ibyiza byabaye. Bityo invugo yogeye hose ngo "Ibibi by'abanyarwanda bituma ibyiza byabo bitagaragara", ntikomeze guhabwa intebe.

Ikindi kintu kigaragara, ni uko muri iki gihe tugezemo, abaturage bafite inzira ebyiri bagenderaho mu mabwiriza bahabwa n'abashinzwe kubayobora. Nabyita ko basa n'abafite ababyeyi babiri babarera; Leta ikaba se, naho Kiliziya, amatorero anyuranye, bikaba nka nyina w'abaturage. Umwana rero kugirango agire uburere bwiza, ni uko nyina na se baba bahuriye ku burere bamutoza.

Abayobozi ba Leta n'ab'amaadini, bagombye kujya bashyikirana kenshi, kugirango bagirane inama kubyo bagomba gukorera abaturage, maze imitima yabo ibe imwe. Bikunze kugaragara kandi ko, abaturage bishimira kandi bakakira vuba ibitekerezo n'inigambi by'abayobozi b'amaadini barimo, kurusha uko bumva abayobozi ba Leta.

Kubera icyo mpamvu rero, abayobozi b'amaadini bo bashyikirana n'abaturage, kandi bakamenya ukuri kwabo kose, ntibagombye kugira icyo bakinze abayobozi ba Leta. Kuko icyo Leta inenye inigambi abaturage bafite, imenya icyo yabakorera.

Abaturage rero, bahanze amaso abayobozi bose, kugira ngo ubwumvikane n'ubufatanye bizabagaragaramo, bizababere nabo isoko y'ubwumvikane.

III. NI IKI UMUTURAGE WE YAKORA KUGIRANGO ABANE NA MUGENZI WE MU MAHORO?

Biteye agahinda kubona u Rwanda rwacu, rwarabaye ruvumwa ku banyamahanga. Aho umunyarwanda atungutse hose banwita umwicanyi. None se iyo sura mbi abanyarwanda bazayiyambura bate niba badaterwa agahinda n'ibibi bibera mu Rwanda?

Kubera imitima inangiye, abanyarwanda bahoza ku rurini ubwiyunge, ariko kubishyira mu bikorwa bikabananira. Ibyo byose biterwa n'uko buri wese abona undi, akamubonamo ikizinga cy'ibibi byabaye mu ntambara. Uwiyita umuhutu, abona uwo yita umututsi, agakeka ko amufitiye inzika, atizera neza ko atabarirwa mu banwiciye cyangwa mu banusahuye ibye igihe yahigwaga. Uwiyita umututsi nawe, abona uwo yita umuhutu, agakeka ko nawe yaba amufitiye inzika akeka ko wenda afite uruhare mu ifungwa ry'abe n'ibindi. Nta mugayo kandi, invugo mbi yinjiye mu bantu ngo "Ibi byose ni bene wabo babidukoreye." Ibyo rero bihamye gutyo, umenya ikibazo cy'abanyarwanda cyarangizwa n'uko bamaranye. Ariko ntibikanavugwe! Abanyarwanda bahoze barangwa n'ubugabo n'ubutwari ndetse n'ubudahemuka, ntibari bakwiye kunanirwa kwiyunga.

Buri wese rero namenye ko igihe mugenzi we adafite amahoro nawe ntayo aba afite. Kuko ngo akebo kajya iwa mugarura. Uwo rero ubujije amahoro nawe arayakubuza byanze bikunze. Igiteye impungenge ni uko abanyarwanda benshi batacyumva abayobozi babo babagira inama kuko batarabizera. Biratangaje rwose kubona n'ubu hari abaturage bagitinya inkotanyi, batarumva ko ari abasirikari babo bashinzwe kubacungira umutekano. Ubwo se wakwiyumvamo amahoro ute utizera ushinzwe kuyagushakira?

Hari uwo muganira wenda agana nko kuri komine, ugasanga ubwoba bumugeze kure ati "Ndagiye ariko singaruka". Ibyo biba bitewe n'uko azi ko hari benshi bafunzwe, ukagirango komine ifunga uwihitira wese! Ngizo rero inpamvu usanga abaturage banwe bafatanyaga abandi n'ubujiji, bakabashukisha gufungwa maze bakabakandagira uko bishakirye. Abataramenya igihe tugeze nabo ugasanga bahorana ubwo bazi ko ahari ubutegetsu ari ubwa banwe. Umaturage rero nubu ukandagirwa na mugenzi we ntabimenyeshe ubutegetsu akeka ko buturavuye aje amenya ko ntekindi uzira kitari ubujiji bwe. Gufata ubutegetsu nk'aho hube-reyeho guhana bituma abakoze amakosa badatinyuka guhaba ibibazi, kandi ntibibuke ko leta ari umubyeyi w'ibibazi, ubwo yishiniye ubwumvikane hagati y'abo ishinzwe kurengera.

Abahemutse rero nibasabe imbabazi, kandi uwagiriye nabi nawo atange imbabazi, kugirango yereke uwagize nabi ko inzira y'ibibi atariyo ikwiye kunyurwa, ahubwo ko ibyiza nabyo bikenewe kugirango urwanda rwongere rube urwanda.

Abaturage bagomba koroherana ubwabo kugirango barokereze I RWA. kandi umuturage wese yagombye kurangwa n'ukuri kugirango ibibi bya-baye mu Rwanda bitazongera kuba.

Abanyarwanda kera bagiranye ibibazo, bakabibangiriza muri gacaca, abaturanyi bakabunga bikarangirira aho. Ubu rero, ingeso mbi yo kutizerana zituma ntawe ukizera ko umuturanyi yamwunga n'undi maze agashimishwa no kwirukira mu butegetsi bwo hejuru. Ubwo butegetsi nabwo ntabandi buzabaza uko ibintu bimeze atari abaturanyi. Ubwo rero, abaturage bagerageje gukemurira ibibazo byabo muri gacaca, ibibazo byajya birushaho kurangira vuba, ntibitume bahora bakururana mu manza zidashira, kuko izo manza zimara igihe, arizo zituma umujinyi n'inzangano birushaho kwiyoungera.

Abaturage bakwiye kujya begera abategetsi n'ingabo z'igihugu, bakabatungira agatoki aho bitagenda neza, haba mu byerekeye unutekano ndetse no mubyerekeranye n'ibyo bo ubwabo babona bidashimishije mu mikorere y'abayobozi babo, maze ubwo bufatanye bugatuma nta kibi kihisha mu banyarwanda. Buri wese kandi akwiye kurangwa n'ukuri mugusobanura ibyo abajijwe ku byerekeye itsembabwoko n'itsembatsamba, kugirango ubucamanza bubone ibimenyetso bibufasha guca inanza ku buryo bwihutirwa. Kuko ugutinda kw'imanza gutuma inzika zikomeza gukururuka mu baturage. Bamwe bavuga bati "Abacu baragokera mu magereza." Naho abandi bati "Ntitwashira agahinda igihe uwatwiciye atarahabwa ibihano bikwiranye n'icyaha yakoze." Buri mu nyarwanda wese rero namenye ko, ibibazo by'uRwanda bizakemurwa n'abanyarwanda ubwabo.

Burya ngo "Ibuye ryagaragaye ntiriba rikishe isuka." N'ubundi itsembabwoko n'itsembatsamba ryabaye nko kumena icyari gisanzwe kibyimbye. Ngaho rero bacamanza, bategetsi namwe baturage, nimube maso kugira ngo urwahekuye abanyarwanda rutazongera kwegura umutwe. Umucamanza namenye ko ukuri guca mu ziko ntigushye, maze guca urubanza akurikije ubutabera bimubere nk'umukandara akindikije. Umutegetsi narangwe no kwitangira abashinzwe, akore iyo bwabaga, kugirango asibe icyubwacyitse mu banyarwanda. Mwirerereze gusabana n'abaturage kuko ariyo nzira izamufasha kuyoborana ubushishozi abitewe n'uko ahabwa inama zinyuranye n'abo bakururira, kandi akamenya ibitekerezo by'abo ayobora. icyo gihe azabusha kumenya uko yitwara kuri buri wese. Abaturage nibizerane, kandi bizere abayobozi babo, buri wese

Igihe abanyarwanda banyaniye nigishirire aha. Uturanye n'undi namufate nk'uwo bava inda inwe. Gusabana amazi, uwagira, gubana inka n'abageni nibyongere birange umuco munyarwanda.

Gacaca niyongere ihabwe umwanya, maze abaturanyi bajya buyihurirano, bicare mu gacaca bacagagure amugambo.

Uwagize nabi nasabe imbabazi, uwagiriwe nabi n'ese nigibuke ko ugira impuhwe ariwe uzazigirirwa, maze buri wese yereke undi ko afite inyota y'ubwiyunge no gusana u Rwanda, abitewe n'uko ari ingobyi yaduhe-tse twese.

U Rwanda ni urwa kanyarwanda. Nitwibuke ko abashya kubarimo kumarana batatira igihango cya base na bsekuru. Niba ba bata na basogokuru rero b'anywanye, none twe tukaba tumarane, nituranye ko igihango gisurikirana.

Uwatatiraga igihango wese yarapfaga. N'ubu rero nitwibuke ko icyo gihango cy'abukurambere bacu cya ukurikiranye. Dusubize amaso inyuma turebe ibyabaye, turasanga nta munyarwanda wigeze aho ari- raso ya mugenzi we ngo agire ahahere.

Niba rero tudashaka ko igihango kizetwica, nidubane ahahere.

Akababaje umugabo kamurenza impinga. Hari benshi bamye kuvutse ibyiza by'igihugu bazira ubusa kandi bazira ko bifuzaga ko buri munyarwanda wese yagira umurage kuri ibyo byiza, ariko n'ubwo batakiturimo turacyabita intwari.

Twizeye rero ko intwari nk'izo nizikomeza kugururana twese tukazitira ingabo mu bitugu, mubihe biri imbere igihugu cyacu kizahinduka. igihugu cy'amata n'ubuki.
